



GUSHAKISHA INZU YO KUBAMO MURI LETA ZUNZE UBUMWE ZA AMERIKA

Igihe ugeze muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, ukwiye kumenya ko inzu wabamo ishobora kuba idasa n'iyi wabonye mu biganiryo byo kuri televiziyo, muri filimi cyangwa mu matangazo yo kwamamaza. Abantu benshi bo muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika batuye mu mazu na aparitoma biciriritse kandi bito. Ni ngombwa kandi ko umenya ko inzu yo kubamo muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika ari nke, kandi n'inzu zihari ntizihagije ku buryo abashaka inzu zo kubamo bazibona bose, cyane cyane inzu zihendutse.



SOBANUKIRWA NEZA N'INZU YA MBERE WABAMO MURI LETA ZUNZE UBUMWE ZA AMERIKA




Igihe ugeze mu nzu yawe ya mbere, yaba ari iyo kubamo by'agateganyo cyangwa iby'igihe kirekire, wowe n'umuryango wawe mwakirizwa ifunguro mumenyereye kandi igikoni kiba kirimo ibyo kurya by'ibanze runaka. Inzu yawe iba irimo ibikoresho by'isuku byawe ndetse n'ibikoresho byo gusukura inzu ubwayo.

Iyo ugeze muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, uhabwa inzu yo kubamo by'agateganyo, nka hoteli, inyubako z'amashami ya Kaminuza cyangwa aparitoma zirimo ibikoresho. Inzu yo kubamo by'agateganyo ikunda kuba iri ahantu habonye kandi hafite ibikoresho byo mu nzu by'ibanze, ibikoresho byo mu gikoni, ahagenewe kumesera imyenda, ndetse n'ibindi nkenerwa. Ushobora kuba muri iyo nzu y'agateganyo maze ukamaramo ibyumweru cyangwa amezi mu gihe ukirimo gushakisha inzu yo kubamo mu buryo buhoraho.



GUSHAKA INZU YO KUBAMO BY'IGIHE KIREKIRE



Inzu yo kubamo muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika ikunda kuba ihenze kandi kubona ahantu heza, hatekanye kandi hahendutse ho kuba bishobora kugorana. Igihe ushaka inzu yo kubamo by'igihe kirekire muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, ugomba kwitega ibintu bishoboka koko kandi ukemera ko hari ibyo ushobora kutabona. Aho inzu iherereye, ingano yayo, no kuba yisanzuye bigomba kujyana n'amafaranga winjiza ku kwezi. Amafaranga y'inzu yo kubamo ni yo atwara igice kinini cy'amafaranga ukoresha ku kwezi aho waba utuye hose.

Uba ukorera amafaranga make cyane iyo ukigera muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika. Inzu wabamo bwa mbere iguhendukiye ishobora kuba itajyanye n'iyi wari witeze. Niba wari uri mu nzu yo kubamo by'agateganyo mu byumweru bya mbere ukigera muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, nka Hoteli cyangwa Airbnb, inzu uzabamo by'igihe kirekire ishobora kutabona nziza nk'iyi wabagamo by'agateganyo.


Uko igihe gihita, ushobora kubona inzu yo kubamo nziza kurushaho uko amafaranga ukorera, amanota y'inguzanyo ndetse no kwizigamira byiyongera. Kumenyera uko bashakisha inzu yo kubamo aho uba bishobora kukorohereza kuzabona inzu yo kubamo ijyanye n'iyi ukeneye.

Niba kubona inzu ihendutse muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika bikugora, menya rwose ko atari wowe wenyine bibaho. Muri Leta 50 zose, hari ikibazo cy'ibura ry' inzu zihendutse, kandi ntikigira ingaruka ku mpunzi n'abantu bakigera muri Amerika gusa, ahubwo izo ngaruka zigera no ku baturage ba Leta Zunze Ubumwe za Amerika.




KUMENYA NEZA INZU YO KUBAMO UKENEYE

Mbere yo gutangira gushakisha inzu wabamo, ugomba kubanza kumenya neza inzu yo kubamo ukeneye. Ibi ni ibintu **ugomba** kuba ufite mu gihe ushakisha inzu yo kubamo. Kugira ngo umenye neza ibikenewe:



- Reba neza ingengo y'imari ufite kugira ngo umenye ubukode buguhendukiye, kandi umenye neza ko bishobora kuba ngombwa ko unishyura andi mafaranga. Niba ukodesheje inzu, ita cyane ku yandi mafaranga ushobora gusabwa buri kwezi, nk'ay'amazi, umuriro na murandasi cyangwa ubwishingizi.

- Tekereza ku ngano y'inzu ukeneye, harimo n'ibyumba ndetse n'aho guparika ikinyabiziga cyawe.



- Ibaze niba aho iyo nzu iherereye hujuje ibyo umuryango wawe ukeneye. Urugero, ita cyane ku rugendo rugana cyangwa ruva ku kazi, ku mashuri ndetse niba hari n'uburyo rusange bwo gutwara abantu. Niba wowe cyangwa umuntu wo mu muryango wawe mukeneye uburyo bwihariye bwo kwinjira muri iyo nzu, kora ku buryo iyo nzu iba yujuje ibyo bisabwa byose.

- Suzuma neza umutekano w'ako gace maze umenye neza ko haboneka serivisi z'ubutabazi bwihutirwa nka polisi n'ibitaro cyangwa hari ivuriro hafi aho.



Buri muryango uba wihariye kandi ukanakenera ibintu byihariye. Ibi bibazo byagufasha kumenya neza ibyihariye wowe cyangwa umuryango wawe mukenera kandi ugasobanukirwa neza inzu yaba ikubereye.

Cultural Orientation Resource Exchange

For more information, visit Settle In at settlein.org.



This resource was created in partnership with Refugee Housing Solutions. Refugee Housing Solutions is a project of Church World Service under an agreement paid for by the U.S. Department of State.